RWANDA BAR ASSOCIATION

Promoting the Rule of Law

ITANGAZO

Mu rwego rwo gukomeza gufasha Abatishoboye kugera ku butabera, Urugaga rw' Abavoka mu Rwanda ruramenyesha Abavoka bose ko rushaka gushyiraho **itsinda ry' Abavoka bazajya bunganira abatishoboye bafite imanza mu Rukiko rw' Ikirenga ndetse no mu Rukiko rw' Ubujurire mu gihe cy' umwaka umwe;**

Ni muri urwo rwego Urugaga rw' Abavoka ruhamagarira Abavoka babishaka kandi bujuje ibisabwa kugira ngo baburanire abatishoboye muri izo Nkiko zombi kugeza amabaruwa abisaba ku Bunyamabanga bw' Urugaga **babinyujije kuri e-mail y' Urugaga ariyo: barreaudurwanda1997@gmail.com bitarenze kuwa mbere tariki 06/08/2018 saa sita z' amanywa zuzuye 12h00'.**

Ibisabwa kugira ngo usaba abe yajya muri iryo tsinda ni ibi bikurikira:

1. Kuba yanditse ku Rutonde rw'Abavoka (*Tableau*) mu mwaka wa 2018;
2. Kuba akunda kandi asanzwe atanga ubufasha mu by' amategeko ku batishoboye abyibwirije cyangwa abishinzwe n' Urugaga;
3. Kuba afite Cabinet yujuje ibisabwa kandi izwi n' Urugaga. Kuba akorana n'abandi Bavoka muri iyo Cabinet byaba ari akarusho;
4. Kuba atarigeze afatirwa ibihano byo mu rwego rw' imyitwarire mu Rugaga mu myaka itanu ishize;
5. Kuba nta yandi masezerano afitanye n' Urugaga yo kunganira abatishoboye cyangwa abana;
6. Kuba usaba atarigeze agirana n' Urugaga amasezerano yo kunganira abatishoboye mu Rukiko rw' Ikirenga nibura mu myaka 3 ishize;
7. Kuba usaba asanzwe aburana imanza z' inshinjabyaha;
8. Kuba usaba agaragaza ko ari umusoreshwa (TIN cyangwa RRA certificate) muri Legal Services;

Bikorewe I Kigali kuwa 01/08/2018

Me KAVARUGANDA Julien Gustave
Umukuru w' Urugaga